

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



## MINISITERI Y'UBUTABERA

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO IHUZA INZOBERE ZO MU NZEGO Z'UBUTABERA ZISHINZWE GUKURIKIRANA ICYAHA CY'IHOHOTERWA RIKORERWA MU NGO N'IRYIBASIRA ABANA**

***UBUFATANYE BW'INZEGO Z'UBUTABERA MU KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA N'IRIKORERWA ABANA : URUHARE RW'IBIMENYETSO***

**Bayobozi mwese muteraniye hano**

**bacamanza, bashinjacyaha n'abagenzacyaha mwatumiwe muri iyi nama**

Nishimiye ku butumire bw' Urwego Rushinzwe Ubugenzacyaha muri iyi nama nyunguranabitekerezo ihuza inzobere zo mu nzego z'ubutabera zishinzwe gukurikirana icyaha cy'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'iryibasira abana.

Ibi bitwereka ko dutahiriza umugozi umwe,twese hamwe mu gutanga serivisi z'ubutabera. . Ndatekereza ko iki ari kimwe mu biranga imikorere myiza hagati y'inzego mu gushakira umuti bimwe mu bibazo biba bihari

Ubu tugeze mu gihe tuvuga ko tutagishoboye kwihangana kubera ihohoterwa, bityo ni ngombwa ko ihohoterwa ryo mu ngo rihagarara, gutera inda abangavu n'ihohoterwa ry' abana bigomba gucika kandi ababahohoteye bagashyikirizwa ubutabera.

Ibi turabiterwa n’uko byagaragaye ko habayeho kwiyongera kw’ imibare ijyanye no guhoza ku nkeke abashakanye, kwicana hagati yabo, kwihunza inshingano mu rugo akenshi bikurikirwa no kuba abana bahunga ibibazo byo mu ngo, bata amashuri bakajya gushakira imibereho mu mirimo ivunanye cyangwa se guterwa inda ku bana b’abangavu.

Aha rero niho nka Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano yifuza ko mwebwe mufite uruhare runini mu kurwanya ibi byaha mutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, mwajya ku ruhembe mugasesengurira hamwe impamvu ibi byaha bikomeje kwiyongera, imbogamizi ziri mu kubikumira ndetse n’ingamba zafatwa cyangwa inama mwatugira kugira ngo iki kibazo tugihashye burundu. Turasaba kwihugura cyane, tugaperereza byimbitse kugira ngo ibimenyetso dutanga bibe bisobanutse. Inkiko nazo zigashyiraho akazo.

Turifuza ko abana bacu bakurira mu miryango itekanye aho batabaho mu bwoba bikanga ko hari uwabagirira nabi, ahubwo bagakoresha amahirwe igihugu gifite bakiga bagakura babereye igihugu nk’abayobozi beza, ibi bikagerwaho mu gihe ntawabahungabanirije uburengazira bwaho, ikibazo cyo guta amashuri cyangwa guterwa inda bakiri bato bikazahinduka amateka.

Nta mpamvu nimwe ikwiye gutuma haba ihohoterwa iryo ari ryo ryose. Kutumvikana, kwambara nabi, gusigara mu rugo ababyeyi badahari n’ibindi ntabwo byaba impamvu y’ihohoterwa. Nta hohotera riba rito. Iyo uryihoreye rirakura.

Birakwiye kandi kwibutsa ko iyi ari inshingano yacu twese, turi hano nk’ababyeyi, cyangwa abagize imiryango, turi hano nk’abakorera inzego zishinzwe gutanga ubutabera mu gihugu turi hano nk’abashinzwe kureberera iyubahirizwa ry’amategeko, amategeko asanzwe ariho ariko cyane cyane turi hano nk’inzego zishinzwe gutanga ubutabera.

### **Bacamanza, Bashinjacyaha n’Abagenzacyaha muteraniye hano,**

Nagira ngo nk’uko Umunyamabanga Mukuru w’ Urwego Rushinzwe Ubugenzacyaha yabivuze, nanjye mbabwire ko nshingiye ku bunararibonye butandukanye mufite mu kazi kanyu mfite icyizere cyinshi ko muri iyi nama y’iminsi ibiri, muzungurana ibitekerezo mukahafatira imyanzuro y’ingirakamaro ndetse nanabizeza ko nka Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano

twiteguye kubafasha kuyishyira mu bikorwa mu gihe mwasanga hari icyo natwe twakora muri uwo murongo.

Ni muri urwo rwego ntangije iyi nama ku mugaragaro kandi mbifuriza ibiganiro byiza.

Murakoze